



ISOMO: Kurwanya isuri, Itegurwa ry'isomo

IGIHE CYOSE: Isaha 1 n'iminota 30

ABAHUGURWA: Abahinzi

UHUGURA: Ushinzwe guhugura abahinzi

AHANTU: Mu mirima

INTEGO:

- **Intego 1:** Gusobanura impamvu kurwanya isuri ari iby'ingenzi.
- **Intego 2:** Kugaragaza uburyo bw'ingenzi bwakoreshwa mu kurwanya isuri.
- **Intego 3:** Gusobanura uburyo gusasira birwanya isuri..
- **Intego 4:** Gusobanura uburyo ibyatsi bikomeza ubutaka birwanya isuri no gusobanura aho bigomba guterwa.
- **Intego 5:** Gusobanura ukuntu vetiveri ari ubwatsi bufata ubutaka bw'ingirakamaro cyane mu kurwanya isuri no kwerekana uko ikoreshwa.

IBIKORESHO:

- Isaso rihagije kuri buri giti kimwe
- Kurundanya ibyatsi bya Vetiveri
- Isuka (3-4)
- Umuhoro



IGIHE	IBIKUBIYEMO
-	<p>IMYITEGURO IKORWA MBERE Y'AMAHUGURWA:</p> <ul style="list-style-type: none">• Abahugura abahinzi basura akarima kerakanirwamo uko ibintu bikorwa nuko bakumvikana n'umuhinzi aho bashobora gutera ibyatsi bya vetiveri.• Abahugura abahinzi bagomba gushaka ibyatsi bya vetiveri muri ako gace nuko bakabaza niba bashobora gukoresha ibirundo by'ibyatsi bya vetiveri bike mu mahugurwa.
Iminota 5	<p>GUTANGIRA:</p> <ul style="list-style-type: none">• kwibwirana<ul style="list-style-type: none">○ Uhugura○ Abitabiriye amahugurwa○ Abatumirwa <p>Gusubiramo intego z'ingezi z'ukwezi gushize</p> <ul style="list-style-type: none">○ Mu kwezi gushize twize ku kamaro ko gukoresha ifumbire mborera, nuko bakora ikirundo cy'ifumbire y'imborera. <p>Baza: Nigute imikorere myiza yagiriye akamaro ubuzima bw'ibiti bya Kawa? Ese abahinzi bashobora kubona itandukaniro iri hagati y'umurima shuri, nibindi biti biri mu murima ?</p> <p>Icyitonderwa kumuntu uhugura abahinzi: yobora ikiganiro ku ngaruka zimikorere myiza ku buzima bw'ibiti bya kawa . urugero rufatika nuru: ibiti byarakatiwe, amababi arasa neza, nta ndwara nudukoko mu ikawa, ese umurima nshuri urasasiye, uranabagaye, nibande basazuye ikawa zabo umwaka ushize, nibande bashyize imitego irwanya imungu y'ikawa mu bipimo byabo?</p> <p>BAZA: Ese murabona ari ibihe bikorwa bicyenewe gukorwa mu murima shuri muri kuno kwezi.</p> <p>MUBIGANIREHO:</p> <p>ICYITONDERWA KUHUGURA ABAHINZI: ibutsa abahinzi ko mwegereje gusozza gahunda yoguhugura abahinzi mu mirima shuri kandi ko hasigaye</p>



	<p>amasomo abiri (2) muzatanga mugihe cy'amezi 2 (Uku kwezi kwa 2 n'Ukwezi kwa 3). Bibutse ko dutangira ino gahunda twababwiye ko tuzatanga impamyabumenyi (certificates) ku bahinzi bazabasha kwitabira nibura inshuro 5/10, si ukwitabira amahugurwa gusa ahubwo no gushyira mu bikorwa ibyo bize mu mirima yabo (adoption), nimururwo rwego rero tubakangurira gutangira gushyira mu bikorwa ibyo mwize mukorera kawa yanyu nk'uko mwabyize kugirango muzahabwe iriya mpamyabumenyi. Impamyabumenyi muzahabwa izaba ibemerera namwe guhugura abandi bahinzi ba kawa mu karere mukoreramo ubuhinzi bwa kawa. Murasabwa gukorera kawa mwese mugaragaza ko mwize kandi mugafata iya mbere kuba abahinzi b'intangarugero aho mukorera. Umuyobozi w'itsinda afatanije n'Umukozi ubahugura (Farmer Trainer) bazasura buri muhinzi bagenzure ko yashyize mu bikorwa ibyo yize, batange Raporo ku Mukozi ushinzwe amahugurwa ku rwego rw'akarere (Master Trainer) ari nawe uzabazanira Imyamyabushobozi zanyu.</p> <p>Subiramo Ingingo z'ingezi z'uku kwezi Uku kwezi turiga ku kamaro ko kurwanya isuri n'icyo bimara mu kubungabunga ubutaka kugira ngo butange umusaruro.</p> <p>IGIKORWA: Agakino gakangura abantu</p>
Iminota 10	<p>INTEGO YA 1: Sobanura impamvu kurwanya isuri ari iby'ingenzi.</p> <p>BAZA: Isuri ni iki?</p> <p>IGISUBIZO: Tanga ibisobanuro. Itakaza ry'ubutaka bwo hejuru bitewe ni nkubiri y'umuyaga cyangwa amazi.</p> <p>BAZA: Ni kuki ari ngombwa kurwanya isuri?</p> <p><i>Ikitonderwa ku uhugura: Saba buri muntu uhugurwa kugira igisubizo atanga.</i></p> <p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none">• Iyo utakaje ubutaka bwo hejuru, uba utakaje ibitunga igihingwa.• Imizi iranama ni uko ibiti bigatanga umusaruro muke.• Amafumbire ashobora gutwarwa n'amazi ni uko agatakara, cyangwa akigira mu mirima y'abaturanyi yegereye iyawe!



Iminota 10	<p>INTEGO YA 2: Kugaragaza uburyo bw'ingenzi bwakoreshwa mu kurwanya isuri</p> <p>BAZA: N'ubuhe buryo bwo kurwanya isuri ukoresha, cyangwa waba warabonye mu mirima? Ubukoresha ute?</p> <p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none">• Gusasira• Gutera ubwatsi bufata ubutaka• Ibintu bitangira amazi, urugero: Imiringoti• Kuzitira cyangwa gukora amatarasi aho ugiye guhinga bushyashya <p>Mu bisobanuro, shimangira ko ari byiza cyane gukomatanyiriza hamwe uburyo butandukanye.</p> <p>IKIBAZO GIFASHA MU GUSUBIRAMO IBYAMAZE KWIGWA:Ni ubuhe buryo bw'ingenzi bukoreshwa mu kurwanya isuri?</p>
Iminota 10	<p>INTEGO YA 3: Sobanura uburyo gusasira birwanya isuri</p> <p>BAZA: Ni gute gusasira birwanya isuri?</p> <p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none">• Gusasira bituma ibitonyanga by'imvura bitikubita ku butaka ku buryo buziguye, bikaba byatwara uduce tumwe tw'ubutaka.• Buri gihe ni byiza gushyira ibyatsi byo gusasira agasozi kose kugira ngo ibyo byatsi bikore icyo bigomba gukora mu kurwanya isuri. <p>Ibindi bintu byiza bituruka mu gusasira:</p> <ul style="list-style-type: none">• Bituma ubutaka bugumana ubuhehere.• Bifasha gukuramo ibyatsi bibi byimeza bidakenewe mu murima• Byongera ifumbire-mborera mu murima hamwe n'ibitunga igihingwa. <p>IGIKORWA: Gusasira.</p> <ul style="list-style-type: none">• Jya mu murima aho icyo gikorwa kiri bwerekaniwe.• Erekanako uko basasira. <p><i>Ikitonderwa k'uhugura: saba umwe mu bahinzi kwerekana uko basasira ku mpande hasi y'igiti /gusasira hose ku giti kimwe.</i></p>

	<p>UMURONGO URI MUNSI Y'IGITI AHO AMASHAMI AGARUKIRA</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Aho hantu hagomba kuba habagawe. ○ Toranya kimwe mu biti 40 cyo gusasira aho buri muntu wese areba neza. ○ Tegura ibikoresho byo gusasira (bicagagure niba ari birebire cyane) ○ Sasira mu mpande z'izigiti nibura kuri cm 4 z'umubyimba ○ Isaso ntigomba gukora ku gishyitsi. Hagomba kubamo umwanya wa cm 10. Sobanura ko ari ukugrinda igiti umuswa. <p>ISASIRA RYUZUYE</p> <ul style="list-style-type: none"> ○ Kurikiza amabwiriza yavuzwe haruguru ariko usase munsi no hagati y'ibiti. ○ Niba uri ahantu hahanamyeye (umusozi) urimo gusasira byuzuye, ibuka ko ari ngobwa gusasa utambitse isaso. <p>Gusasira munsi y'igiti</p>  <p>Gusasira mu murima wose</p> 
<p>Iminota 10</p>	<p>INTEGO YA 4: Gusobanura uburyo ubwatsi bufata ubutaka burwanya isuri no gusobanura aho wabutera.</p> <p>BAZA: Ni gute ibyatsi bifata ubutaka birwanya isuri?</p> <p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"> ● Imizi yabyo ifata ubutaka. ● Ibyo byatsi bituma amazi ataguma gutemba ndetse n'ubutaka ntibugende ngo bumanuke umusozi. ● Ibyo byatsi kandi bishobora gutemwa bigakoreshwa mu gikorwa cyo gusasira . <p>BAZA: Ni hehe ibi byatsi bifata ubutaka byaterwa kugirango birwanya isuri.</p>

	<p>IGISUBIZO:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Ku nkengero, nko ku materasi. • Hagati y'imirongo y'ibiti by'ikawa mu mirima ihanamyeye. • Hafi y'imiringoti • Hafi y'imigezi kugira ngo ubutaka budatembera muri icyo migezi. <p>EREKANA : Ibyatsi bifata ubutaka biterwa hagati mu ikawa no kumarasi</p>  <p>IKIBAZO GIFASHA MU GUSUBIRAMO IBIMAZE KWIGWA: Ni gute ibyatsi bifata ubutaka birwanywa isuri?</p>
<p>Iminota 25</p>	<p>INTEGO YA 5: Gusobanura ukuntu vetiveri ari ubwatsi bufata ubutaka bw'ingirakamaro cyane mu kurwanywa isuri no kwerekana uko ikoreshwa.</p> <p>Vetiveri:</p> <ul style="list-style-type: none"> • Bumwe mu bwoko bw'ibyatsi bifata ubutaka by'ingirakamaro cyane ni ibyatsi bya vetiveri • Bishobora gukoreshwa ahantu hose hakenewe kurwanywa isuri. • Umuzi wa vetiveri umanuka hasi cyane ujya ikuzimu kandi ntabwo ubangamira ikawa • Gutera vetiveri: <ul style="list-style-type: none"> ○ Ishobora gukwirakwizwa ku buryo bworoshye hakoreshejwe gukata ibigundu by'ibyatsi ○ Ikigundu kimwe gishobora kuvamo ibyatsi byinshi byo gutera • Kuyitaho: <ul style="list-style-type: none"> ○ Ugomba kuyibagarira buri gihe kubeza ikuze neza ○ Yikate kugeza kuri cm hagati ya 30 na 40, ubikore inshuro 2 cyangwa 3 mu mwaka. <p>Erekana ifoto ya Vetiveri.</p>



IGIKORWA: Gutera vetiveri

- Jya mu murima aho icyo gikorwa kiri bwerekanyirwe
- Garagaza uko bacagagura bakanatera vetiveri:
 - Toranya vetiveri nziza, itoshye, ikuze
 - Randurana vetiveri m'ubutaka (niba byarakozwe sobanura ibyo mwakoze)
 - Kata hejuru uganu hasi ku burebure bwa cm 20.
 - Jyana izo ngemwe aho ziributerwe.
 - Cagagura izo ngemwe mu duce 3 -4 twaburi rugingo.
 - Tera izo ngingo mu myobo uzitandukanije cm 10-15
 - Twikiriza imizi ubutaka kandi utsindagire
 - Tera ingingo mu minsi itarenze ibiri nyuma yo kuzirandura.
- Umaze kubyerekana, gabanya abahugurwa mu matsinda atatu uhe buri tsinda umukoro:
 - Itsinda rya 1 ricagagure ibyatsi.
 - Itsinda rya 2 ritegure imyobo yo guteramo ibyatsi.
 - Itsinda rya 3 ritere ibyatsi bya vetiveri.
- Amatsinda ashobora kugenda ahinduranya umukoro kugira ngo buri tsinda rikore kuri buri bwoko bw'igikorwa
- Saba buri tsinda gukora ibyo ryahawe unabibutsa aho biri ngombwe
- Zenguruka muri iyo mirimo watanze
- Mwu ngurane ibitekerezo

Iminota 10

GUSOZA:

- Gusubiramo ibyizwe by'ingenzi

IGIKORWA: Isuzumabumenyi



Icyitonderwa k'uhugura: Koresha ibibazo byo kwiyibutsa kugira ngo usuzume ko babyumvise, unabayobore neza aho ari ngombwa.

Baza ibi bibazo bikurikira abahugurwa:

- Kuki dukeneye kurwanya isuri?
- Tanga bumwe mu buryo twakoresha mu kurwanya isuri.

Ni kuki vetiveri ari ingirakamaro cyane?

- Icyitonderwa kuhugura abahinzi ;
- Uzuza ku mpapuro z'ubwitabire z'abahinzi kandi basinye
- Sinya mubitabo byabahinzi bitabiriye
- Emeranya n'abahinzi italiki y'amahigurwa y'ukwezi gutaha
- Basabe kuzitabira bose kugirango hatazabura uwuzaza za curo 5
- Shimira abahinzi bitabiriye.